

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA

KARONGI

**ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA.**

Umwaka w'ibuhumbi bibiri na cumi na karindwi, umunsi wa ...08., ukwezi k'Ugushyingo.

Twebwe **KANYARUKIGA Jacques**, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa KARONGI Dufashijwe na **MANIRARORA Louise** umwanditsi warwo ;

Tumaze kubona ko kuwa **27/07/2017** Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Karongi bwaregeye uru Rukiko dosiye **00165/IPRL KARO/2017/EM/VM** buregamo **HAKIZIMANA Eric** na **NDAHAYO Fils**, icyaha cyo gusambanya umwana, dosiye muri uru Rukiko ikandikwa mu gitabo cy'ibirego kuri **RP 00158/2017/TGI/KNG** ;

Tumaze kubona ko uwitwa **NDAHAYO Fils** mwene **NDAHIMANA Theoneste** na **SINIBAGIWE Immaculée**, wavutse mu mwaka wa **1994**, wavukiye mu mudugudu wa **Kariba**, mu Kagali ka **Magaba**, Umurenge wa **MUSHONYI**, Akarere ka **RUTSIRO**, Intara y'Iburengerazuba, atigeze afatwa ndetse ngo anabazwe ku birebana n'icyaha akurikiranyweho, ahubwo akaba yaratorotse ubutabera.

Tumaze kubona ko **NDAHAYO Fils** adafite aho abarizwa hazwi kandi akaba agomba kuburanishwa.

Dushingiye ku ngingo ya 212 n' iya 213 z'itegeko numero 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imburanishirize y'imanza nshinjabyaha nk'uko ryavuguruwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu ;

Dutegetse ko **NDAHAYO Fils** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi kuwa **09/01/2018** saa mbili za mu gitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba hagafatwa ko yasuzuguye amategeko.

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru **imvaho nshya** mu gihe cy'iminsi umunanu (8 jours) kandi kikamanikwa ku biro by'Akagali ka **MAGABA**, ku biro by'Umurenge wa **MUSHONYI** no ku biro by'Akarere ka **RUTSIRO**.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho.

Bikorewe i Karongi, ku munsi ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**KANYARUKIGA Jacques**  
Umucamanza

**MANIRARORA Louise**  
Umwanditsi

